

REPUBULIKA Y’U RWANDA



MINISITIRI W’INTEBE

IJAMBO RYA MINISITIRI W’INTEBE

Dr. Ngirente Edouard

**MU BIRORI BYO KWIZIHIZA UMUNSI
W’UMUGANURA 2019**

**Ku nsanganyamatsiko igira iti: “Umuganura,
isoko y’ubumwe n’ishingiro ryo kwigira”**

Nyanza, ku wa 2 Kanama 2019

- **Ba Nyakubahwa ba Minisitiri mwitabiriye uyu muhango,**
- **Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Amajyepfo,**
- **Ba Nyakubahwa Ntumwa Badepite no muri Sena,**
- **Ba Nyakubahwa muhagarariye Ibihugu byanyu mu Rwanda,**
- **Banyacyubahiro mwese muteraniye hano,**
- **Baturage b'Intara y'Amajyepfo,**
- **Bashyitsi bahire,**

1. Mbanje kubasuhuza kandi mbifuriza umunsi mukuru mwiza w'Umuganura. Akaba ari umunsi twese twishimira kandi twizihiza buri mwaka.
2. Umunsi w'Umuganura rero ni umunsi ngarukamwaka ukomeye mu mateka y'u Rwanda. Ibi bigaragarira mu kwishimira umusaruro w'ibyagezweho uvuye mu maboko y'abana b'abanyarwanda.
3. Uku kwishimira ibyagezweho, bijyana kandi no kwiyemeza kubishimangira no kubyubakiraho ibindi byinshi cyane.

Mu kwizihiza Umuganura, turasabana, tugasangira ibyo twejeje ariko kandi tukanafata ingamba zo gukomeza gukora neza, kugira ngo tugere ku majyambere arambye duharanira kwishakamo ibisubizo no kwigira.

**Banyakubahwa mwese muteraniye hano,
Baturage b'Intara y'Amajyepfo,**

4. Nkuko twese tubizi hari byinshi by'ingenzi byagezweho, bikaba byaragezweho kandi mu nzego z'ubuzima bw'Igihugu zinyuranye. Akaba ariyo mpamvu uyu munsu twafashe umwanya wo kubyishimira. Dufashe nk'ingero zimwe na zimwe twahera nko:
 5. Mu rwego rw'ubuhinzi n'ubworozi:
 - Umusaruro w'ubuhinzi wariyongereye kubera imbaraga zashyizwe mu guhuza ubutaka, cyane cyane ubuhingwaho ibihingwa byatoranyijwe nk'ibigori, ibirayi, umuceri, imyumbati n'ibindi.
 - Ubu tumaze kugera ku kigero gishimishije cyo gutuburira imbuto imbere mu Gihugu mu rwego rwo kugeza imbuto ku bahinzi ku bwinshi kandi zihendutse.

- Hakomeje gutunganywa amaterasi y'indinganire n'imirwanyasuri mu rwego rwo gufata ubutaka neza.
- Muri gahunda yo kongera umusaruro ukomoka ku bworozi, Leta yakomeje gushyira imbaraga mu kuvugurura ubworozi ndetse no gufasha aborozi tubaha ibikenerwa kugira ngo ubworozi bugende neza.

6. Mu bucuruzi n'inganda:

- Abahinzi n'aborozi bakomeje guhugurwa mu kubara igiciro fatizo cy'umuhinzi/mworozi hitabwa ku gishoro akoresha n'inyungu akwiye kubona bizamufasha kugurisha adahenzwe ariko cyane cyane no gucisha mu nganda ibyo aba yasaruye.
- Hakomeje kandi gukurwaho izindi mbogamizi z'ubucuruzi zitari amahoro mu rwego rwo koroshya urujya n'uruza rw'ibicuruzwa.
- Mu rwego rwo guteza imbere ibikorera mu Rwanda, ubu hiryu no hino mu Gihugu hari kubakwa ibyanya byahariwe inganda mu Turere tunyuranye.

- 7.** Mu rwego rw'ibikorwaremezo:
- Hakomeje gahunda yo gukwirakwiza amashanyarazi mu ngo, aho kugeza ubu ingo nyinshi z'abanyarwanda zimaze kugerwaho n'amashanyarazi.
 - Mu rwego rwo gufasha abaturage kugeza umusaruro ku masoko, koroshya ubuhahirane n'amahanga, kunoza imiturire no kwihutisha iterambere, hakomeje kubaka no gusana imihanda yo ku rwego rw'Igihugu, imihanda y'Uturere n'imigi ndetse n'imihanda twita iy'imigenderano.
- 8.** Dukomeje kandi gushyira imbaraga mu guteza imbere urwego rw'ubuzima, kubera ko umuturage udafite ubuzima bwiza atabasha gukorera Igihugu cye kandi ngo anikorere ku giti cye.
- 9.** Ibi byose biragaragaza muri make umusaruro ushimishije tunganura uyu munsi.

10. Umuganura ni umwanya wo kwishima, ariko kandi ni n’umwanya wo gusubiza amaso inyuma no kwisuzuma tugafata ingamba zo kunoza ibitaragenze neza kugira ngo tuzarusheho gutera imbere ejo hazaza.

11. Ni muri urwo rwego, nifuza kubashishikariza kwita ku murimo unoze no ndetse no kuwukorana umwete n’umurava. Ndagira ngo ngaruke cyane cyane ku rubyiruko rwo mizero y’Igihugu cyacu, ko rukwiye kwitabira umurimo ubabyarira inyungu kuko bizabafasha kwiteza imbere, duteza imbere n’Igihugu cyacu muri rusange. Mukwiye kubyaza umusaruro amahirwe Leta yabahaye harimo na gahunda y’imyuga n’ubumenyingiro, kubona igishoro mu rwego rwo guteza imbere imishinga binyuze mu nguzanyo z’ikigega cya BDF, twese tumaze kumenyera n’ubundi butandukanye Leta igenda igenera urubyiruko.

12. Mu gusoza iri jambo, nongeye gushimira abitabiriye ibi birori, ndashimira cyane n’ababiteguye, abadusususurukije, abaririmbyi n’ababyinnyi, abakoze imurikabikorwa

batweretse umusaruro urimo ibisubizo by'ibibazo byinshi.

Nongeye kandi kubifuriza umunsi mwiza w'Umuganura, twishimira ibyo tumaze kugeraho ariko kandi tunatekereza ku ntego z'iterambere u Rwanda rwihaye n'aho twifuza kuzaba tugeze nk'Abanyarwanda mu gihe kiri imbere.

Nongeye kubifuriza umunsi mwiza.Mugire amahoro!